KIN/02/Mata-Gicurasi/2025

# BELIEVERS EASTERN CHURCH

*Icyicaro Gikuru, Kominote ya Mt.Tomasi*
*Thiruvala - 689 103, Kerala, Ubuhinde*

## IBARUWA Y'UMUSHUMBA

**Mata/Gicurasi 2025**

**Ku Bakunzi Banjye Bashumba no ku abenera bose ba Kiliziya Ntagatifu**

Ubuntu, imbabazi n'amahoro by'Umwami wacu n'Umukiza, Yezu Kristu ✠ bibane namwe. Amina.

Uyu munsi ndagira ngo mbamenyeshe ikintu gikomeye cyabaye mu mateka ya Kiliziya yacu, ni ukuvuga umuhango wo kwibuka ku nshuro ya mbere Metropolitani Umubyeyi wacu Athanasius Yohan I, w'urwibutso rw'umugisha. Ku itariki ya 8 Gicurasi 2025, igaragaza umwaka umwe ushize atangiye iruhuko ridashira.

Biragoye rwose kuri twe nka Kiliziya kwiyumvisha ukuntu yavuye kuri iyi si, nyamara dufite igikundiro cyo gukomeza kumwibuka. Ndabasaba mwese mbivanye ku mutima kwigana imibereho ye – binyuze mu kubaho mu buryo buhuje n'inyigisho yigishije, mukomeza umurimo yatangije, kandi mukazabigeza no ku abazabakomokaho. Iyi nshingano si umutwaro ahubwo ni ibyishimo bikomeye n'icyubahiro kuri buri wese muri twe - yo tugomba kwakirana ishyaka n'ubwitange.

Kiliziya Ntagatifu irategura umuhango wo kwibuka ku nshuro ya mbere umubyeyi wacu witabye Imana Metropolitani Athanasius Yohan wa I, w'urwibutso rw'umugisha. Kandi twese tugomba kwifatanya n'imitima yacu n'ubwenge bwacu muri uwo muhango utunganye. Mu rwego rwa paruwasi, muzahurire hamwe kugira ngo musenge kandi mushimire Imana Ishoborabyose ku bw'ubuzima n'umurage by'umubyeyi wacu wa Roho waruhutse. Ndabinginze, ntimugafate uyu munsi wo kwibuka ngo mujye mwibuka gusa mu nzu yanyu. Ahubwo, tera intambwe yisumbuyeho – ushyire mu bikorwa urwibutso rwe, nk'uko umubyeyi wacu witabye Imana Metropolitan w'urwibutso rw'umugisha yatweretse kandi akatwigisha: gukorera isi ikeneye urukundo n'impuhwe.

Nk'umubyeyi wanyu wa roho, Ndifuza kubabwira ibintu by'ingenzi byaranze imibereho y'Umubyeyi Mukuru wacu, kugira ngo tubeho mu buryo buhuje na byo, atari kuri uyu munsi gusa, ahubwo buri munsi.

1. **Ibikorwa by'impuhwe no kugiraneza:** Umutima w'umubyeyi wacu witabye Imana, wababazwaga n'abakene, abarwayi n'abibagiranye, kandi yaritanze kugira ngo abakunde nk'uko Kristu yabakundaga. Mu kumwibuka, ndabasaba kugera kuri abo

bakene – byaba mu gikorwa cy'imfashanyo, gusura abarwayi, cyangwa gukora ibikorwa byoroheje by'ineza mu baturage banyu.

2. **Isengesho rya buri munsi n'ibitekerezo:** Umubyeyi Wacu witabye Imana yadushishikarije nka Kiliziya gusenga ubudahemwa ndetse no kugira isengesngesho rya Yezu kimwe mu bice by'ubuzima bwa buri munsi. Nimucyo twiyemeze kugira ubuzima bwimbitse bwo gusenga - binyuze mu kwiyegurira Imana, amasengesho y'umuryango, twitabira liturijiya ntagatifu, no gusenga Isengesho rya Yezu twivuye inyuma.
3. **Gufasha Kiliziya n'abaturage:** Umubyeyi Wacu witabye Imana yakundaga Kiliziya n'umutima we wose kandi mu budatezuga yarakoze kugira ngo ayubake. Amagambo yahoraga avuga ni aya ngo "Tekereza kuri Kiliziya". Nimucyo dukomeze umurimo we dutanga umwanya wacu n'amatalenta yacu kugira ngo bikuze Kiliziya yacu, bityo umuryango wacu ugire imibereho myiza. Hari uburyo butagira ingano twakoresha mu bworoheje n'ubwagutse –gutanga ubufasha mu bikorwa bya paruwasi, gushyigikira umurimo wa Kiliziya no gufasha mu bikorwa byo kwegera abantu.

4. **Gusigasira ukwemera kw'abazadukomokaho:** Nyakwigendera Umubyeyi Wacu yakundaga abana kandi buri gihe akabashyira ku umwanya wa mbere. Nimucyo twiyemeze guha ubuzima bwa Kiliziya Ntagatifu abazadukomokaho binyuze mu nyigisho z'abana zo ku cyumweru, Urubyiruko rw'Abemera, Ihuriro ry'Abagore, inyigisho za Kiliziya, gusenga no kugira imibereho y'intangarugero. Nimucyo twiyemeze ko ukwemera kwatumye Umubyeyi wacu witabye Imana yakomeje kandi akaguha ishusho ko kwasigasirwa kandi kukagaragaza abazadukomokaho.

Bakundwa, ndabinginga ngo ntimukabe abumva gusa, ahubwo mujye muba abakora ibyo mwumva. Nimucyo twigane n'umutima wacu wose imibereho y'Umubyeyi wa Kiliziya yacu, Metropolitani Athanasius Yohan wa I, w'urwibutso rw'umugisha.

Kandi wibuke ko twahamagariwe kuba ibiganza, umunwa n'ibirenge bya Yezu – kugira ngo dukorere abandi kandi tugaragaze ishusho ya Kristu yadushyizweho ikimenyetso. Nimucyo dukomeze kuba nka Kristu.

Aragahora yibukwa iteka ryose!

Ubutatu Butagatifu, Data, Mwana na Roho Mutagatifu nibituyobore n'ubuntu bw'igisagirane n'iimbabazi Bye; kandi tureke Abatagatifu bose n'Umubyeyi Mutagatifu Tewotokisi badusabire kandi baturinde imbere y'ingoma y'Imana, ubu n'iteka ryose ✠. Amina.

Hamwe n'urukundo rwa Kibyeyi n'amasengesho,
**Moran Mor Samuel Theophilus Metropolitan**

**Tariki:** 15 Mata 2025
**Ahantu:** Icyicaro Gikuru cya Kiliziya